REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KAMENA 2019

10 Nyakanga 2019

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KAMENA 2019

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2019. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 0,9% mu kwezi gushize kwa Kamena 2019 ugereranyije na Kamena 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 0,0%.

Ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 5,3%, ibiciro by'ibyambarwa byiyongereyeho 6,0% naho ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi bizamukaho 3,2%.

Iyo ugereranyije Kamena 2019 na Kamena 2018, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 2,2%.

Wagereranya ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2019) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2019), ibiciro ntibyahindutse.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Kamena 2019, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 0,9% ugereranyije na Kamena 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2019) ryari ku kigereranyo kingana na -0,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 0,9% mu kwezi kwa Kamena ni ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 3,2% n'ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 7,0%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2019) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2019) usanga ibiciro byaragabanutseho 0,1%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,3%.

**Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)**

Mu kwezi gushize kwa Kamena 2019 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 0,9% ugereranyije na Kamena 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2019) ryari ku kigereranyo kingana na -0,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 0,9% mu kwezi kwa Kamena 2019 ni ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,7% n'ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 6,6%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2019) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2019) ibiciro byagabanutseho 0,1%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,3%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2018 kugeza muri Kamena 2019.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2018 kugeza muri Kamena 2019**
***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | 2018 | | | | | | | 2019 | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 2,9 | 2,0 | 2,1 | 1,2 | -0,6 | 0,1 | 1,1 | 1,0 | 0,8 | 1,1 | 0,2 | 0,0 | 0,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 0,4 | -0,3 | -0,6 | -2,7 | -5,4 | -1,8 | -0,6 | -0,4 | -1,3 | 0,4 | -0,7 | -0,7 | 0,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 1,4 | 0,6 | 0,6 | -1,1 | -3,4 | -1,0 | 0,1 | 0,2 | -0,4 | 0,7 | -0,3 | -0,4 | 0,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -0,9 | -1,0 | 0,4 | 0,2 | -0,6 | -0,5 | -0,2 | 0,0 | 0,3 | 1,1 | 0,3 | 0,9 | 0,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -1,7 | -0,6 | 0,6 | -0.3 | -1,4 | -0,6 | -1,3 | 0,0 | -0,4 | 3,1 | 1,2 | 0,8 | -0,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -1,4 | -0,8 | 0,5 | -0,1 | -1,0 | -0,5 | -0,8 | 0,0 | -0,1 | 2,2 | 0,9 | 0,8 | -0,1 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

**Abashinzwe imenyekanisha ry'imibare:**

MURANGWA Yusuf, Umuyobozi mukuru; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Umuyobozi mukuru wungirije; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MWIZERWA J.Claude, Umuyobozi w'agashami k'imibare y'ubukungu;
claude.mwizerwa@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Umukozi uhagarariye imibare y'ibiciro;
lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw